

IDENTIFICATION : RTLM No 26 du 06/01/1994 (fin)
07/01/1994 (1ère partie)

DURATION : 60 min

TRANSMISSION : Radio RTLM

QUALITY : GOOD.

NAME OF TRANSCRIPT : MUKANYILIGIRA Joséphine.

DATE OF TRANSCRIPTION : 28/4/1999

NAME OF FILE : C:\tran\rtlm26

DICTAPHONE : Express Writer Model 2750-6-P/N 862317.

Le contenu de la cassette.

FACE A.

- I. 1. Commentaire de HABIMANA KANTANO, Journaliste de la Radio RTLM, sur :
-la mise en place des institutions de transitions à base élargie. (0.1)
-le discours du Président de la République le Général Major HABYARIMANA Juvénal à l' occasion de la prestation de serment des Députés du gouvernement de transition à base élargie. Selon le Président HABYARIMANA, les Députés de PSD personne n' est présenté, nous ne pouvons pas faire la prestation de serment à leur absence et à l' absence du Président de la Cour Constitutionnelle. (4.3)
-les encouragements aux membres des partis politiques qui se disent "power"
2. lecture du communiqué du parti MRND invitant les journalistes à une conférence de presse à l' Hôtel Méridien.
3. Communiqué du Parti Politique du Renouveau Démocratique (PRD) signé par NSABIMANA Alex, Professeur à l' Université du Rwanda à Butare concernant ses regrets de retard de mise en place des intitutions de transition à base élargie. Il a critiqué l'égoïsme des uns parmis les politiciens qui travaillent pour ses propres intérêts. (23.8)
4. Commentaire de HITIMANA Noël, journaliste de la Radio RTLM, sur:
- l' impossible cohabitation des Forces Armées Rwandaises et le FPR
- la personne de TWAGIRAMUNGU Faustin, le Premier Ministre du Gouvernement de Transition à base élargie à mettre sur place.

-Communiqué de presse de la Présidence de la République qui a suivi la déclaration du Premier Ministre Madame UWILINGIYIMANA Aghatte à la Radio Rwanda (29.9).

FACE B.

1. Lecture par HITIMANA Noël, Journaliste de la Radio RTLM, du communiqué de presse en provenance de la Présidence de la République signé par Enoch RUHIGIRA Directeur de Cabinet (0.7)
2. Commentaire de Noël HITIMANA, Journaliste de la Radio RTLM sur:
 - les manifestations des enseignants pour leurs salaires impayés.
 - l' octroi par Anastase GASANA , Ministre des Affaires Etrangères, de deux voitures aux Inkotanyi se trouvant au CND.
 - les propos de Landouard NDASINGWA en ce qui concerne le favoritisme des minorités faibles.
3. Lecture de la lettre écrite par le FPR Inkotanyi au Président de la République, (24.3) au sujet de la mise en place des institutions de transition à base élargie, signée par Patrick MAZIMPAKA Premier Vice Président du FPR Inkotanyi.
 Lecture de la lettre adressée à Monsieur le Président de la République par le Premier Ministre Madame UWILINGIYIMANA Aghatte. (29.9)

FACE A.

Speaker: **HABIMANA KANTANO, Journaliste de la Radio RTLM. (0.1)**

... Cyokora ibyo birabashimisha, hanyuma rero ku banyapolitiki bigatuma umuntu ahindura isura, bigatuma anacengeza n'ibitekerezo uko yabikekaga neza, nyuma se cyangwa se bitaba ibyo ushobora no kuborohereza akagendo hari igihe umuntu akora conférence de presse agatinda amatagisi akagenda, umuntu ugasanga yamerewe nabi no kugera muri quartier kandi yego amakuru ayashaka aryoshye ariko nta bushobozi afite, abatanga conférence de presse rero mwari mukwiye kujya mubitekerezaho. Nta na rimwe tubura amakuru ashushyey cyane cyane amakuru ava ... amakuru yerekeye ... amakuru yerekeranye na politiki, yerekeranye n'ibindi bintu yose atugeraho, maze rero mbere y'uko mbumvisha ijamb ... ijamb abantu batumvishe ibyo Perezida wa Repubulika yavuze ... yavuze arangije ejo, aje mu mumuhango wo kurahira asanze Abadepite bamwe badahari. Hanyuma hari abanyamakuru bagerageje kumubaza mu bintu ariko by'intambara byo kubyigana rwose, byo kubyigana, dore ko iyo umuntu atomboye Perezida wa Repubulika akamubona cyane cyane abanyamakuru, mbese baba batomboye bagirango barebe bumve akamuvamo, hanyuma muraza kumva mbese mu bintu by'umubyigano ijamb yashoboye kutubwira, yeee , ariko hagati aho nanone Perezida wa Repubulika rero nyine nkuko byagenze amaze kubwira abantu bari aho amaze kubashimira, ababwira ati ndabashimira ko isaha twavuze rnwaje abadipolomate abaki ... abantu bose bari ahongaho noneho ati ndabashimiye kuko mwaje none mugende birasubitswe ariko twizere ko bizasubukurwa. Ubwo rero yahise agenda, Perezida wa Repubulika Nyakubahwa Général Major HABYARIMANA Juvénal yahise aganira na ... yahise aganira na ... yahise aganira na Roger BOBO, Jacques Roger BOBO umu ... uhagarariye umu ... umuryango wa ONU hano mu Rwanda noneho baraganira nibwo nyine yamubwiraga ati mu byukuri nyakubahwa Perezida twizere y'uko ibi bintu bizasubukurwa ariko ababaye cyane kuko yari agiye kuvuga ... yari abonye ikintu ... inkuru rwose agiye kugeza Nyork ako kanya, noneho kugirango ababwire ati byibuze inzego ebyiri zagiye kuri eshatu, eshatu turazitegeree byibuze. Hanyuma noneho mbese abura uko abigenza; henga ndaza kumubaza mwumve eee ... murusaku rwinshi mubaza nyine mu gifaransa mubaza nti ese urababaye cyangwa, ati haaa ! Ati reka da ! Ati muri politiki nta kubabara ni ugutegereza, hanyuma noneho muraza kumva nyuma yaho, micro nyine yagenda izerera hose muraza kumva Perezida wa Repubulika nawe akajambo yabwiye abanyamakuru mwumve uko nabajije Roger BOBO uza gukurikirwa na Perezida wa Repubulika ni murusaku rwinshi ariko ntumubura ijamb mutoromo.

Speaker : Jacques Roger BOBO Représentant Spécial de Nations Unies au Rwanda.(3.4)

Et ... comment ça va ? Vous allez bien ?

Speaker : HABIMANA KANTANO, Journaliste de la Radio RTLM (3.5)
 ...Oui, ok !
 Quelles sont vos impressions ?

Speaker: Jacques Roger BOBO (3.5)
 Tout le moment ?

Speaker: HABIMANA KANTANO (Journaliste de la Radio RTLM) (3.5)
 Oui !

Speaker: Jacques Roger BOBO (3.6)
 Je me réserve pour la prochaine fois.

Speaker : HABIMANA KANTANO, Journaliste pour Radio RTLM (3.7)
 Vous déception ?

Speaker : Jacques Roger BOBO (3.7)
 Je n'ai jamais du ... déçu.

Speaker: Journaliste de la Radio RTLM HABIMANA KANTANO (3.8)
 En bon !

Speaker : Jacques Roger BOBO (3.9)
 Là on avoir l'occasion de voir un peu plus claire la prochaine fois.

Speaker: Président de la République Général Major HABYARIMANA Juvénal(4.3)
 ... N'Abadepite ba PSD nta numwe wari uhari, nkabona rero kubera ingingo ya karindwi muri protocole d'accords ibyerekeye question diverse, yuko ntashobora kurahiza abadepite Perezida wa Cour Constitutionnelle adahari ubwo rero ni ukuvuga ko tuzareba igihe abadepite bose babonetse, n'igihe Perezida wa Cour constitutionnelle yabonetse kugirango tubone, dushobore gukora uwo muhango.

Speaker : Journalistes ... (4.8)

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ko mumaze kubona uko ibintu bimeze harimo ... bisa nkaho ari amacakubiri ...
- Yafashe ko agomba gutanga raport muri ONU ndetse cyane cyane ku bibazo byerekeranye n'igihugu cyacu no kugirango mbese ... zose zigezo, ... nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

Speaker: Président de la République HABYARIMANA Juvénal. (5.2)

Ngirango ubushake burahari, ubushake burahari iyo uganiriye n'abanyarwanda bose baba bashaka amahoro, ubushake burahari, ariko hakaba hari ibibazo mu bya politiki niko bigenda cyane cyane mu mashyaka amwe, wabonye mu mashyaka abadepite bamwe bo mu mashyaka nta numwe wari uhari no mu badepite ba FPR cyangwa abadepite ba PSD, Ubwo rero ni ukureba uko nyuma ... ni uguhita nsoza iyi nama uko inshuti zacu zakomeza kudufasha uko abanyarwanda ubwabo ndakeka ko n'abanyarwanda bagomba kugira icyo bavuga bakagira abanyapolitiki inama kuko politiki, politiki si ukuvuga gusa politiki ni ukureba abo uhagarariye niba ibitekerezo byawe babyemera koko. Ubwo rero nasabaga n'abanyarwanda nyine kugirango bajye basobanura barebe uko amashyaka koko ya ... yatuma hagiye hashyirwaho izi nzego z'inzibacyuho.

Speaker : NGEZE HASSAN, Journaliste du Journal KANGURA (6.4)

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika tugaruke ku icondo ry'ikibazo ...

Speaker: Président de la République Général Major HABYARIMANA Juvena (6.4)

Comme il y a beaucoup de pluie alors on ne pourra pas continuer; encore une question.

Speaker: Journaliste (6.5)

Nyakubahwa Président de la République hari abatinya ko ibintu ubwo bigenze gutya bavuga bati biragombera Arusha ya kabiri cyangwa se abandi bakavuga bati la reprise des hostilités nayo ishobora kuba nagirango numve ibitekerezo byanyu ...

Speaker: Président de la République Général Major HABYARIMANA Juvénal (6.7)

Simbizi ntabwo ndi umuhanuzi ngo menye ibizaba ejo cyangwa ejobundi ariko rero sinzi niba twagomba gusubira Arusha kuko amasezerano yarasinywe, simbona ikindi twajya gusinya hari ikibazo twaa ... hari inzego ziteganyijwe muri izo za accords d'Arusha, hari n'uko twabaza nyine abaduherekeje muri iyo mishyikirano kugirango nabo batugire inama ariko rero ntabwo twasubira mu masezerano cyangwa se ngo twongere kujya gusinyaaa..., gusinya ibindi. Yeee! Ukaruga uti wenda imirwano ishobora kongera, twe turi mu ntambwe z'amahoro ntabwo turi mu ntambwe zisubira inyuma, turi mu ntambwe zigana imbere. Wabonye irahira rya Perezida wa Repubulika mu gitondo ndakeka ko ari intambwe ya mbere kuko urwo ni urwego

rwagiyeho hasigaye izindi nzego, urwego rw'inama ishinga amategeko y'inzibacyaho, hasigaye gouvernement de transition à base élargie urumva rero ko tugenda tujya imbere ntabwo tugomba gusubira inyuma ngo dusubire mu mirwano.

Musique

Speaker : Journaliste de la Radio RTLM HABIMANA KANTANO.

(8.5)

Oui, bonne Année, bonne Année, mwumvise rero Perezida wa Repubulika Nyakubawa Général Major HABYARIMANA Juvénal, mwumvise amaze kubona abadepite, nako amaze kubona abadipite badahagije, ngo abarahize amaze gushimira abaje mu muhango nkuko yari yabivuze abadipolomate bari bahari abantu benshi babanyacyubahiro bategeraje, eee, ndibaza icyo bagiye bavuga babonye koko abantu b'abagabo basuzugura Perezida wa Repubulika, bon mwumvise Roger BOBO we yarabyihanganiye aravuga ati bon ati ntacyo ati tuzaba tubireba ! Hanyuma noneho rero Perezida wa Repubulika mu kuganira n'abanyamakuru agisohoka rwose hari mu muryango w'inzu n'ubwo byari bimubabaje, ariko buri gihe ari umuntu w'umunyapolitiki nicyo gituma kandi abantu bavuga ko kenshi abanyapolitiki abarusha politiki, abanyapolitiki bacu; ni uko n'ubwo byari bimubabaje ariko yaganiriye n'abanyamakuru neza, hari aho mwumvise arakaye ? Hari aho mwumvise abwira abanyamakuru ati ngo iki ? Uretse kuvuga ati ko bisakuza bite ? Ariko nta hantu yigeze avuga arakaye, ariko iyaba ari Madamu UWIRINGIYIMANA Aghatte aba yabomborekanye, yakubise ibintu hasi yasaze yasizoye ndakeka y'uko ibyo ntabwo ari politiki, ibyo ntabwo ari politiki, ariko kuki abantu batigira abandi, ibintu ku bandi, ngo babigireho ubwitonzi, babigireho uretse y'uko burya ngo kamere ntitkurwa na reka. Maze rero mu kanya nababwiraga y'uko Inkotanyi ziri muri Ambassade y'Abanyamerika, Inkotanyi nkuru Chair man n'abandi bamuherekeje, none rero bageze hano hafi ya Radio RTLM, Inkotanyi zigeze hano hafi ya Radio RTLM eee ... ku buryo noneho zinjiye muri Ambassade ya Uganda, zigiye muri Ambassade ya Uganda ubu rero henga nanje nsokane hano gato nzisuhuze, ubwo rero nyine ni hano hafi hanyuma nizeye ko banareba n'inzu yabo hafi ahongaho, aho twumvise ko bateganya gushyira Radio Muhabura, ubwo rero ... ariko nanone indi nkuru tumenyen yo rwose ... bon nta wavuga ko ibibaje ariko rero iteye kwibaza, iteye kwibaza kuko abantu, eee ... abantu baribaza cyane, baribaza, nonaha rero, nonaha muri Ministère ya Finance, ya Finance itegekwa n'abakombozi PSD, abantu bashyigikiye Inkotanyi cyane eee ... bamaze gutanga amafaranga yo kugura imodoka Inkotanyi zizajya zigendamo, bamaze gutanga amafaranga yo kugura imodoka Inkotanyi zizajya zigendamo n'ayo kuzigurira amahema, ariko hagati aho abarimu mwumvise ko batigisha hari n'aba sous contrat badahembwa, ariko amafaranga yo yokugura amahema yabonetse. Ayo kugura imodoka Inkotanyi zizajya zigendamo yabonetse, ubwo se iyo bashaka imodoka yenda zishaje bakareba muri za services zose, bakabaha bakaba bagendamo, ntibari kuzagera muri za Ministères Bakabonaaa ... kubona imodoka zabo nshyashya ! He ! Ni byiza yego ko babafata neza ariko guhita babagurira ibintu byose bashaka ako kanya kandi hari abarimu, hari aba sous contrats badahembwa ndakeka y'uko ibyo nabyo birerekana koko y'uko koko bazishyigikiye ye ! Ha ni agatangaza ! Ni nkuko twamenye y'uko ubwo tuvuze PSD, twamenye y'uko hari akanama

karaye kabaye, muri ako kanama rero ngo abakombozi bageze aho barashyuha barashyuha, maze umwe mu bakombozi ukomeye aravuga ngo ariko ngo nka biriya bya KARAMIRA, nka biriya bya ... nka ba MUREGO, bariya bose bitwa ba Power, uwabica akabamara hanyuma noneho ibintu bikagenda neza ko n'ubundi bashaka kuzamara abatutsi. Nguko rero, uwo mugabo nyine ijambo riba riramucitse ! Ndaleka ko kubantu bakomeye nkabongabo amagambo ntagomba kubacika kuko ijambo ry'umuntu ukomeye mu ishyaka muri Politiki, ufite icyubahiro gikomeye ntabwo rihwanye naho byaba byacitse umusinzi wibereye mu Gakinjiro wahaze urwagwa yageretseho urumogi. Ubwo rero ako kajambo kafashwe n'umuntu muri abongabo bari kumwe n'uko akibira abandi ati: "nyabuneka aho mwari mubizi y'uko murariwe", ubwo rero ndakeka y'uko ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka ariko rero nk'umunyapolitiki utekereza kwicisha mugenzi we, nkaho yakoresheje ubuhanga bwe afite ngo arebe ko yamutwara abayoke ngo arebe ko yamutsinda mu matora, agakoresha kumwica n'ubundi butiriganya, ndakeka ko nta munyapolitiki urimo.

Ahaaa ! Henga nyaruke mu kanya ndebe aho Inkotanyi zigeze hanyuma noneho tugaruke twumveee, nako hagati aho mube mwumva uyu muziki.

... RTLM ivugira i Kigali ubu ni saa cyenda n'iminota hafi murongo itanu muri studio zazu, oya biracyari mirongo ine n'icyenda muri studio za Radio yigenga RTLM, ubwo rero mu kanya nari manutse hano hasi kureba Inkotanyi, kureba Inkotanyi aho zirinze ... zirinze abategetsi bazo, abategetsi bazo rero abategetsi b'Iinkotanyi abari muri za Ministère abari muri ... mu nzego zindi za Politiki, batangiye kugenda bajya muri za Ambassade, bagenda babonana n'abantu mu kanya bari bavuye muri Ambassade ... BIHOZAGARA avuye muri Ambassade y'Abagande, mu kanya ndakeka BIZIMUNGU Pasteur cyangwa undi ntibamumbwiye neza ari muri Ambassade y'Abagande, ya Uganda iri hano iruhande rwaho tuvugira hanyuma rero abantu benshi umuhanda wahagaze baje ngo kureba Inkotanyi, bamwe bararebamo bakabona abari abajandarume hano, hari uwo bamenye wari umupolisi wa PVK, hari uwabonye undi mujandarume nanone hari umujede nanone baba ... bagiye mu kwa cyenda biii bagiye gu... mu kwacyenda muri 1990. Noneho nyine barimo barabasuhuza kuko ntiwabona umuntu uzi ngo we kumusuhuza, eee ! Ndaleka rero y'uko bwa bundi bavuga ngo bariya basore bazasubira mu ishyamba, jye ndumva kwaba ari ukubahemukira cyane kuko batangiye kubona batangiye kumva nabo ari ingabo, ari ingabo z'u Rwanda batangiye kumva ari abasirikare bo mu ngabo z'u Rwanda mbese batangiye kubona benewabo, batangiye kugereranya ubuzima bwo mu mugi n'ubwo mu ishyamba, haaa ! Ndaleka ko uwababwira ngo basubire ku Murindi umenza batasubirayo, umenza batasubirayo ubu rero bari ku ... bashagaye abantu benshi baje hano hafi ya la Vennette aho Ambassade ya Uganda iri, abantu barimo baraza birukanka ngo barebe Inkotanyi uko zisa, eee ! Ni abantu nk'abandi, ni abongabo nyine, abantu barebanaga nabo umupira ni abo mwasangiraga, ni abongabo bamwe bagiye ari abajandarume, abandi bagiye ba ... ahubwo ikibabaje ni uko hari n'abandi bagiye rwose ari abanyamakosa birukanywe mu ngabo z'u Rwanda, ukuntu rero bazasubira mu ngabo z'u Rwanda nabyo, ni ukuzabyigira hafi, hari n'undi musirikare ukomeye mu Nkotanyi agomba kuba ari Lieutenant Colonel, ari mu bishe abantu i Soroti, i Soroti muri Uganda, iyo Nkotanyi rero yabakingiraniye muri Gariyamoshi, babakingiraniramo noneho babarohamo ibyuka byica barapfa, abo bantu barakurikiranwa n'urukiko rwo muri Uganda, haaa ! Barakurikiranwa n'urukiko rwo muri Uganda ! Uwo mu Lieutenant Colonel rero ubu yahungiye mu ngabo z'Iinkotanyi ubundi yari

mu ngabo za Uganda, yego ni umunyarwanda ariko yahungiye mu ngabo ... mu Nkotanyi ubu ni Inkotanyi nyine yariyoberanyije, ariko urubanza kuko rwarasomwe abo bantu barashakishwa, ahaaa ! Kugirango azahungire ino, ubwo uzasanga bazanyemo ibintu ngo nta kujyana umunyagihugu ngo hanze, basi azahanirwe ino, azahanirwe ino ariko gukingirana abantu muri Gariyamoshi ukaboherezamo umwotsi bagapfa nkabo kidage ! Ibyo bintu ni bibi cyane byababaje abagande bose ! Yeee ! Tumaze kumenya rero ko harimo umusirikare ukomeye w'umunyarwanda ufite ipete rya Lieutenant Colonel, eee, kandi ugomba kuba yarakoze ayo marorerwa i Soroti, ubwo rero nibatangira kubahana ndakeka yuko bizaba bibaye intangarugero koko y'uko Inkotanyi zubahiriza nako zishaka kugendera ku mategeko. Hanyuma rero mu kanya nababwiraga y'uko Ministère ya Finance imaze kugurira Inkotanyi imodoka, ikaba iziguriye n'amahema, ubwo rero murumva ko ... iziguriye n'amahema nyamara abarimu ntibarahembwa aba sous contrat bamwe bararira muri Caisse d'épargne nta biragenda ... iki ... ndetse... abakombozi nyine bagomba gufatanya n'Inkotanyi bakazishygikira. Eheee! Burya bahana nibo banatumye babona za Ministère izo zrimo ibifaranga abantu biyorera uko bashatse ! Ubwo rero bazi nyine ukuntu bazajya babigabana, niko bimeze nigeze no kubabwira y'uko hari umukombozi ukomeye wacitswe n'ijambo akaza kuvuga yuko ngo ba KARAMIRA na ba MUREGO mbese abo bita ba Power bose bakomeye ngo uwabica ikibazo cyaba gitunganye, ubwo rero iyo projet yayishyikirijwe abayishinzwe ntawamenya uko bizagenda. Mu kanya rero tumaze kubona itangazo nako mbanze mbabwire y'uko mu kanya i saa kumi hari ikiganiro mbwirwa banyamakuru cya MRND, cy'ishyaka MRND muri Hôtel Merdien Umubano ubwo rero mugayo mwumve uko ishyaka MRND ritekereza ibi bibazo uko ibi bibazo byakemurwa n'uko bimeze ! Ishyaka rero riharanira, ishyaka riharanira démocratie nyakuri Parti du Renouveau Démocratique rya Nsabimana Alex Président, nako umwarimu muri Kaminuza i Ruhande, iryo tangazo rero riragira riti : "Ishyaka riharanira Démocratie nyakuri PRD (Parti du Renouveau Démocratique) ribabajwe n'uko inzego z'inzibacyaho yaguye zitinda kujyaho bigatuma u Rwanda ruhera mu gihirahiro, kubera bamwe mu banyapolitiki batsimbaraye ku nyungu zabo aho gushyira imbere inyungu z'ighugu. Ishyaka PRD riributsa abanyarwanda ko kwikunda bya bamwe aribyo bitumye u Rwanda ruri mu bibazo dufite, twakunze kwerekana ko kwikunda kw'abagize uruhare ... kwikunda kw'abagize uruhare runini mumasezerano y'Arusha aribyo byatumye TWAGIRAMUNGU Faustin yandikwa mu masezerano none akaba yarigize indakoreka, twerekanye kandi ko abagize TWAGIRAMUNGU Ministre w'Intebe babigiriye kwikunda kuko bibwiraga ko bizabaha imbaraga nyinshi kurushaho, PRD irasaba abanyepolitiki b'iki gihugu ko bakora uko bashoboye kugirango ibibazo biriho bisubizwe binyuze mu mishyikirano, bakirinda gusubiza u Rwanda mu ntambara. Ku byerekeye ibibazo by'amacakubiri biri mu mashyaka MDR na PL ishyaka PRD rirasanga ibice bibiri muri ayo mashyaka bikwiye kumvikana kuko ayo macakubiri abangamiye amahoro y'abanyarwanda twese. PRD irasaba abanyamadini bakunze kugira uruhare, bakunze kugira uruhare mu gukemura ibibazo byakunze kubangamira u Rwanda gufasha ariya mashyaka, PRD iributsa abanyarwanda ko muri Démocratie abaministre ba gouvernement bashyirwaho hakoreshejwe ubwumvikane hagati ya Ministre w'Intebe n'amashyaka. PRD iributsa kandi ko iyo ubwo bwumvikane butabayeho Ministre w'Intebe asezera hakajyaho undi ushobora kumvikana n'amashyaka. PRD irasaba rero TWAGIRAMUNGU kureka ibyo kugundira yakunze kurega abandi maze akegura ku mwanya

wa Ministre w'Intebe kuko atashoboye gushyiraho Gouvernement. Ehuuu! Ibyo rero bikorewe i Kigali kuwa gatandatu, uyu munsi itariki esheshatu z'ukwezi kwa mbere 1994, uhagarariye PRD NSABIMANA Alex Président w'iryo shyaka mwumvise rero ibyo arimo avuga umu ... abantu rwose bize, bakurikiye ibintu bazi ubwenge, urumva ko baba bakurikiye koko bakamenya ibyo aribyo, hanyuma, hanyuma rero nanone hari abantu benshi, benshi b'abarwanashyaka bashyigikiye PSD, bashyigikiye PSD cyane cyane abo bacuruzi bakomeye batangiye kureba amacenga abo hejuru barimo, eee ... batangiye kureba aho ibintu bigana noneho bagatangira kwivovota. Hari abarakaye cyane, simbavuze, ariko batangiye kwivovota abashyigikiye PSD babacuruzi n'abandi bandi bavuga batibintu PSD intambara iramutse ije PSD kwifatanya n'Inkotanyi bishobora kuba byatwicira kandi bitewe na ... na PSD heee! Ibyo aribyo byose wamugani niba abo bacuruzi bakomeye intambara niza amaduka yabo niyo azabanza kugenda birumvikana naho umukene urumva se bazaba bajya kumushakaho iki ? Kandi ntibazasahura bakurikije ... bareba iby'amashyaka, ni ukureba aho biri, niho bajya. Hanyuma rero ubwo tuzaba tureba uwo bazaba bahimye, maze rero nanone icyo kibazo cy'amacakubiri muri PL abantu bose bakomeje kukivugaho abantu bose bakomeje kugisobanura kutarahira ejo nabyo, abantu bose abasenyeri abapadiri, abapapa, abazungu iki... bose bakomeje kubisobanura twizere y'uko mu mishyikirano Inkotanyi zirimō zigenda zikorana n'Ambassade z'amahanga zatangiye uyu munsi, bagenda bazibwira y'uko kwivanga mu yandi mashyaka bizabakururira ingaruka mbi, kuko nabo uwakwivanga mu byabo ndakeka y'uko umuryango wazageza ku mwaka utangiye kuzamo ibibazo, cyane cyane utangiye kuzamo za P ... nako eee ... Inkotanyi Power cyangwa FPR Power simbizi. Ubwo rero nizere ko babagira inama zo kutivanga mu bibazo by'amashyaka y'abandi, kugirango usange bashyigikiye iki, iki gice ngo nicyo kizabashyigikira, ariko jyewe biranyobera n'iki kibwira Inkotanyi FPR y'uko inzego zizarinda zirangiza, zizarinda zirangiza zicyumvikana n'ayo mashyaka uko bimeze uko. Eeee ... kuburyo batsimbarara kuri bamwe ngo bazabagumana kugeza inzibacyuhu irangiye. Ni uko nyine bigenda bitsimbarara bigaruka ku moko naho ubundi ntabwo ariko babakomeza kuko birantangaza NAYINZIRA namara kubona umwanya, umwanya we w'ubuministre akumva aburiho, ndumva ibyo aribyo byose n'abadepite be nibamara koko kubona imyanya y'ubudepite ndumvaaa ... singombwa ko iteka bazajya batora ibyemezo by'aba ... bya FPR, singombwa ko bazajya bayitorera ndakeka ko bazareba izindi nyungu zindi zikomeye kurushaho.

Speaker: Journaliste de la Radio RTLM HITIMANA Noël

(23.8)

Dufite saa tatu hano i Kigali, ni ukuvuga ko dufite saa mbiri n'iminota mirongo itanu, haaa! Inkuru zishyushe nta gihe nazibura, inkuru ziba zihari, inkuru ziba zihari rwose umuntu wo kuri Pharmacie ya hariya imbere ya Trafipro muri quartier commercial arantelefonnye ati ndi hano kuri Pharmacie du peuple ati ibyo nabonye ejo hano muri quartier commercial byaranyoboye

Ati by'abasirikare bacu n'abasirikare ba MINUAR, ati rwose ibibazo, by'ibibazo by'Inkotanyi bigiye kudutera ibibazo bikomeye, mu masezerano y'Arusha bavuze ko nibagera ino i Kigali icyo bifusa ni uko nta ntwaro zizongera kuboneka muri uyu mugi ariko ikibazo gihari ni uko iyo Inkotanyi zigiye mumugi zigendana intwaro zazo, abasirikare b'u Rwanda nabo rero

ntabwo wabaca mu gihugu cyabo, cyangwa ngo ubabwire ngo bo kugenda nta ntwaro bafite kandi ari abasirikari. Ibyo niba barabyumvikanyeho neza bakavuga ngo nta musirikari uzongera kugendana imbunda ni ukuvuga ko abasirikare babashubije muri komini bakajya guhinga kubera ko umusirikari udafite imbunda ntabwo aba akiri umusirikari, ntibishoboka, ntabwo waba umusirikari utagira intwarz, ejo rero uwo mugabo untelefonnye arambwiye ati ejo ibyo twabonye nimugoroba hano imbere ya Trafipro, ati muri iyi quartier ati ni uko abasirikare ba MINUAR basanze umumajoro wifitiye abantu be bamurinze nyine bari ahongaho hariya kuri Trafipro ati MINUAR iramanuka pe ! Barasimbuka batu izo mbunda muzizane, Major uwo arabareba ati heee ! Bahungu banjye ati heee ! Ati ntihagire imbunda mubaha, ati ntimuzibahe, ati bidutera isoni kubona abantu bashaka gushikuza abandi imbunda bimeze nk'ibantu bigiye ... kugirango bagiye kurasana, tugize Imana tubona abo bagabo bo muri MINUAR bacishije make bareka ab'u Rwanda barakomeza barigendera ati ariko biriya bintu rero byari bikwiye gusobanuka Ministre wa Défence agafata ibyemezo cyangwa se abasinye Arusha bakamenya ibyo basinye noneho bikajya mumucyo bikumvikana, abantu ntibajye bahora bafite ubwoba ko umusirikare wa MINUAR nabona umusirikare w'u Rwanda aramusimbura mbese tukamenya uko bimeze, twebwe abaturage ntabwo tubyumva, ntabwo tubyumva rwose dore Noël nari nifitiye kakanifu kanje k'umushoferi tugiye hariya ku ... kuri CND ka kanifu kari kagiye gutera ibibazo diplomatiques ngo urnushoferi afite ka kanifu none se ni ntitwaza kakanifu kugirango wenda nicire urwara ! Byari bigiye gutera ikibazo ndi umusiviri nkanswe umusirikare wifitiye imbunda ye ari urnusirikare asanzwe aziko ari umusirikare, ahuye na MINUAR rero ngo ... kandi yambaye neza gisirikare none se ko nsigaye mbona Inkotanyi zigenda mumugi zigenda zambaye, ngyambona bamwe bambaye ingofero zisa n'izingabo z'u Rwanda n'indi myenda nyamara bafite imbunda bidegembya, bagenda, ko nta muntu ubaka izo mbunda ubwo se none ntibizagera igihe Kigali ifatwa, Kigali izafatwe, harya ngo irinzwe n'aba MINUAR ararara ! Ni nde wabyemera se ? Kigali izafatwe, heee ! Inkotanyi zigende zibe hose n'imbunda zazo abasirikare bacu bareba, barebera barabambuye imbunda, ibi ntawabyemera ! sinzi niba muri Ministère ya Défence wenda bagira icyo badutangulariza cyangwa mu bundi butegetsi, ubutegetsi buriho, nibagire icyo badutangulariza tumenyu uko ibantu byifashe n'abasirikare bajijukirwe bamenye ibyo aribyo kuko ndumva n'abasirikare ubwabo batabyumva. Nshuti mwumva Radio yanyu Radio RTL M rero inkuru zirashyushye ibyo nibyo bingezeho aka kanya dufite n'ibindi hari n'andi matangazo akaze, mfite mu kanya ndabagezaho.

... TWAGIRAMUNGU wajyaga ukosereza HABYARIMANA, ukosereza Parti, Parti ishobora kumuvanamo, nicyo amaparti amaze nyine, amashyaka nicyo amaze nicyo agira abantu bayo atumye, ntiyatuma rero uwo idashaka, umutumye no kwa TWAGIRAMUNGU uravuga uti genda TWAGIRAMUNGU umwumvishe kuko twe amatwara yacu muri Parti yacu ntidushaka biriya bintu ashaka kugirango avuge. Naho TWAGIRAMUNGU we ngo abongabo ngo ni abari kumucukurira imva ! Azayobora abantu nk'uyobora intama ! Ntibishoboka ! Politiki rero ni ukwemera ugashinyiriza, ukemera abantu bamwe bakakumvisha, mbese byageraho bikagera n'aho udemisiyon. None se ntiyabaye i Burayi bademisiyon kangahe ? Ba Premier Ministre bademisiyon kangahe ba Premier Ministre oh ! Mu Bubirigi ahubwo ni urujya n'uruza, muri Isilaheli, abademisiyon hehe se ! No muri Canada aho ye ! Ntibademisiyon se ? Agomba kumenya ko iyo byananiranye rero

ademisiyona n'ubungubu byamunaniye ashatse abaye umugabo yakwegama nkuko yabivuze. Cyangwa mu mutwe birivanga ku buryo adasobonukirwa uko birimo bigenda byihuta wenda ntabibona neza. Ibyo rero byatumye, byatumye Présidence ya Repubulika nayo yongera iti : baracyafite umurava wo kudukurikira yongera iti twongere tumubwire, tumwandikire indibarwa twe ... atavuga ngo twe dupfa kuvuga gusa tutanabyanditse, kuvugira mu birere ntabwo ari byiza. Ni uko we nyine agiye kwimenyereza kuvugira mu birere, ubundi mbere muri Politiki, umunyapolitiki yabanzaga kugira agapapuro akandika ati point par point ngiye kuvuga iki n'iki, gutya agakurikiranya. Naho kugira gutya ngo haaa ! Ngo mwamubajije ngo iii! ngo birandeba ! Ngo muramenye ! Ibyo ntabwo ari ibya politiki, ibyo ntabwo ari ibya politiki, byaba nka wa munyapo ... wa politicien ntavuze ushobora kugera iwe ugasanga Madamu we aranywa itabi ku rindi, itabi ku rindi, wagera muri urwo rugo ukagira uti se aba bantu bajya bavugana, ukareba itabi ku rindi, téléphone bashikujemo, kandi ni abantu bakomeye, bakomeye umugabo yicaye iriya umugore ari kureba hanze ntashobora no kureba Bwana ukibaza uti se aba bantu bazadutegeka bate ? Bazadutegeka bate ? Hiii ! Ntibishoboka. Ugasanga rero umuntu ari kwipfura imisatsi kandi ariwe wagombaga kugira imisatsi myiza. Bikakuyobera ! Cyokora cyo abafite impara wenda, abafite uruhara bagira Imana. Haaa ! Reka mbasomere ukuntu Présidence ya Repubulika yashubije uriya mudamu, ku byo yatangaje ejo kuri Radio Rwanda.

Itangazo, iryo tangazo rigenewe abanyamakuru : Présidence ya Repubulika iravuguza ibyo Ministre w'Intebe Aghatte UWIRINGIYIMANA yavuze kuri Radio Rwanda ejo nyine, yavuze uyu munsi tariki ya 6 Mutarama 1994 byerekerye na gahunda y'ishyirwaho ry'inzibacyaho yaguye.

-Icy a mbere: Présidence ya Repubulika iributsa ko ibaruwa Ministre w'Intebe ashingiraho yandikiwe n'ubuyobozi, n'umuyobozi w'ibiro bya Perezida wa Repubulika itamusaba gukora gahunda nshya ahubwo imumenyesha gahunda ya Président wa Repubulika imusaba kuyishyira mu bikorwa uko yagenwe. Iyo baruwa iravuga iti : Umukuru w'ighugu aragusaba gukora ibishoboka byose kugirango imihango yo kurahira igende nieza, cyane cyane kubyerekeye ibikenewe kugirango gahunda itungane no kurinda umutekano.

-Icy a kabiri : Ningombwa kwibutsa kandi ko iyo baruwa yashyiragaho gahunda iteye itya : Président wa Repubulika azarahira kuwa gatatu tariki ya gatanu Mutarama 1994 i saa ine naho Abadepite barahire tariki ya gatanu Mutarama 1994 i saa cyenda zuzuye.

FACE B

Speaker: Journaliste de la Radio RTLM, HITIMANA Noël (0.7)

... Reka ndisubiremo, ikibabaje kandi ni uko Ministre w'Intebe mu ibaruwa ye n° 0009/02.0 yo ku itariki ya gatanu Mutarama 1994 yandikiye Perezida w'Urukiko rugenewe kurinda itegeko nshinga, yaramwandikiye rero amubuza kujya mu muhango wo kurahira kw'abadepte ndetse muri iyo baruwa yahagaritse n'ijo mihang.

-Icy a gatanu : kubeshyera Perezida wa Repubulika ngo niwe ubuza ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho yaguye ni ukuyobya uburari kuko umukuru w'igihugu yakurikije gahunda izwi kandi yumvikanyweho.

Ministre w'intebe aho kugirango yumvikane n'inzego zibishinzwe yahisemo gukora ibishoboka byose kugirango agereke amakosa kuri Perezida wa Repubulika.

